MUKAMAGERA Xaverine
Segiteri Cyuga
Komini Rutenge
K I G A L I.-

NMP 1124/88

Rutenge, le 07/03/1988

A traiter par ..ONP 55B 17/3/88
Date d'entrée .... 15 MARS 1988
N° classement .....DM/A/ Rioré
987

Bwan Porekireri wa Republika
KIGALI.-

Bwana Prokireri,

Njyewe MUKAMAGERA Xaverine utuye Rutenge Segiteri Cyuga mbandikiye ngirango mbagezeho akababare ni Ikirego mfite natewe n'uyu ndega aliwe witwa MUKANDAMAGE Domitille ukomoka ku Gikongoro Komini Nyamagabe akaba akora mu Bitaro by'i Rutenge.

a) Ndamurega kuba yaransebeje n'umulyango wajye wose, akatugerekaho igihanga cy'umuntu(intumbi) ngo ndi Umwicanyi. Akamfungisha muli Gereza ya Kigali kuva kw'itariki ya 25/1/1988 kugeza le 02.03.1988.

b) Ndamurega kuba yaransebeje muli Kinyamateka n° 1268 akabimenyesha isi yose !!!!

c) Ndamurega kuba yarahishe uwo Mwana kwa HABARUREMA Bonavanture.Utuye mu Muhima, nyuma yajya ku mubaka ngo amurenze bakamumwima bitewe nuko bali bamaze kumenya ko yafungishije abantu babikuye muli iyo Kinyamateka.

d) Ndamurega kuba yaravuze ngo mfite AVOCAT ungira inama ubwo rero dukeneye kuzamutubaliza uwo muntu uwaliwe kuko njye ntawe nigeze ngira bikubiteyeho ko za Ankete zose zakozwe zali mw'ibanga, nkaba ntarigeze mburanira imbere y'Abacamanza bicaye ngo ngaragaze uwo mw'AVOCAT.

e) Ndamurega kuba yalishinje ko yanyiciye ubukwe kandi kokobyarabaye ubwo bukwe bugapfa kuburyo bwogombaga kuba kuli 28/11/1987 uwo agakomeza nkukulikirana kugeza ubwo amfungishije kuli iliya taliki navuze haruguru.

f) Nkaba mbasaba kuba mwankulikiranira Sous-Préfet washatse kuyobya ubutegetsi bwo hejuru ndetse ni izindi nzego zose z'ubutegetsi zashoboye gusoma i iyo Kinyamateka muramutse mwifashije iyo Kinyamateka izatuma mushobora kumenya uko uwo Sous Préfet yabeshye, ndetse nawe akaducisha igihanga yemeza ibyo atiboneye.

Bitewe nuko uwo MUKANDAMAGE yali afitanye isano na Sous Préfet, kandi hakaba hatarigeze hakorwa iperereza kugirango ryemeze rwose ko uwo Mwana ali iwacu.

Mbandikiye ngirango ibyo byose mbaregeye muzifashishe dosiye iri mu maboko y'umushinja-cyaha SIBOMANA Jean Baptiste ifite n° R.M.P 6842/S7/BRORE.

Ubutabera ni busugire busagambe.

MUKAMAGERA Xaverine.- [signature]

Bimenyeshejwe:
- Bwana Ministri w'Ubucamanza
  KIGALI.-
- B... inistri w'Ubutegetsi bw'
  ...IGALI.-
  ... wa Prefegitura